

# KIGEME IWACU



**KWIRINDA IMPANUKA ZO MU MUHANDA N'IBINDI  
BISHOBORA KUBANGAMIRA UMUTEKANO W'IBANZE  
W'ABATURAGE BATUYE MU NKAMBI YA KIGEME  
NO MU NKENGERO ZAYO**

*"Nous, jeunes participons à la promotion de la paix  
à travers l'art"*

*"Twebwe urubyiruko, dushyigikiye umuco w'amahoro  
tubinyujije mu bugeni"*



# IBIRIMO

04



09



07

07



- 03 IJAMBO RY'IBANZE
- 04 UKO ABATURAGE BABONA IBYZA BYO GUKORRESHA UMUHANDANEZA
- 05 NI GUTE UMUNYAMAGURU AKWIYE KWITWARA MU MUHANDA BIKAMUFASHA KWIRINDA IMPANUKA
- 06 ESE MU GIHE HABAYE IMPANUKA NI AYAHE MAKIMBIRANE BISHOBORA GUTERA MU BATUYE KU KIGEME?
- 07 BAMWE MU BATURAGE BO MU NKAMBI YA KIGEME BAFITE IMPUNGENGE Z'IMPANUKA AHATANGIRWA INKWI
- 09 UBUYOBOZI BW' INKAMBI YA KIGEME BURASABA ABAYITUYEMO KWIRINDA INKONGI Z'UMURIRO
- 10 IBYO WAMENYA KU NKUBA BENSHI BAGERERANYA N'INKOKO Y'ISAKE N'UBURYO WAYIRINDA
- 12 KUGIRA URUHARE MU KWIRINDIRA UMUTEKANO KU MPUNZI ZO MU NKAMBI YA KIGEME BICIYE MURI "COMMUNITY POLICING"
- 13 UMUTEKANO W'AMABARABARA MU NKAMBI YA MAHAMA, ABANA BARABABUZA KWENENENA KU MIDUGA (INKURU Y'UMUSOMYI)
- 15 KWITA KU MUHANDA MUNINI UGANA KU NKAMBI YA MAHAMA USHAMIKIYE KU MUHANDA WA KABURIMBO UJYA KU RUSUMO (INKURU Y'UMUSOMYI)

# IJAMBO RY'IBANZE

Mugire amahoro basomyi ba Kigeme Iwacu!

Rwa rubyiruko rwo ku Kigeme, ruragarutse na nomero ya gatanu y'ikinyamakuru cyanyu Kigeme Iwacu. Iki ni ikinyamakuru gishimangira imikoranire myiza ikomeje kugaragara hagati y'urubyiruko rwo mu nkambi ya Kigeme ndetse n'urwo mu nkengero z'iyi nkambi. Nk'uko twari tubivuze haruguru, uru rubyiruko rwandika iki kinyamakuru rugizwe n'urwo mu nkambi ya Kigeme ndetse n'urw'abanyarwanda ruturiye inkambi ya Kigeme.

Iyi nomero noneho iribanda ku buryo butandukanye bwo kwirinda impanuka zirimo izo mu muhanda, iziterwa n'ibiza cyane cyane inkuba cyangwa gushya kwa hato na hato kw'amazu ku batuye mu nkambi ya Kigeme.

Ubusanzwe inkambi ya Kigeme yubatswe ku muhanda Huye\_Rusizi ku buryo akenshi na kenshi usanga hari urujya n'uruzura rw'abantu benshi muri ako gace baba impunzi ndetse n'abanyarwanda baturiye iyi nkambi. Ibi bituma rimwe na rimwe habaho impanuka mu buryo ubu cyangwa buriya usanga zibasira cyane cyane abakiri bato.

Muri iyi nomero turabagezaho inkuru zibafasha gusobanukirwa uburyo mwakwitwara kugira ngo hirindwe bene izo mpanuka. Muzasangamo kandi inkuru zibafasha kumva neza icyo inkuba ari cyo n'uburyo bwo kuzirinda kuko nabyo bishobora kubafasha kumenya uburyo mwakwitwaramo kugira ngo mwirinde impanuka za hato na hato ziterwa n'inkuba ndetse muzasangamo n'ibindi byabafasha kwirinda kugira ngo mugire umutekano wanyu w'ibanze.

Inshuti, abasomyi ba Kigeme Iwacu bo mu nkambi ya Mahama nabo batugejejeho zimwe mu nkuru zivuga ku byakozwe n'ibyifuzo byabo nk'urubyiruko ku byakorwa kugira ngo umutekano cyane cyane uw'abakoresha umuhanda ugende neza muri ako gace.

Ikindi twababwira ni uko ikinyamakuru Kigeme Iwacu cyakuze kuko iyi niyo nimero yacyo ya nyuma bitewe nuko guhera kuri nimero itaha tuzaba dufite ikinyamakuru kimwe kinini duhuriyeho na bagenzi bacu bo mu nkambi ya Mugombwa, Huye mu mujyi ndetse n'abo mu nkambi ya Mahama kikazaza kandi gifite irindi zina kuko kizaba ari ikinyamakuru gihuriweho n'urubyiruko rwo muri izo nkambi ndetse no mu nkengero zazo.

Banyeshuri, rubyiruko bagenzi bacu namwe bakuru kuri twe tubifurije gusoma mwitonze iki kinyamakuru kuko ibikubiyemo bizabafasha kumenya neza uburyo mukwiye kwitwara mu buzima bwa buri muni, wa mugani wa ya mvugo ngo kwirinda biruta kwivuzwa.

Turabasaba kandi gukomeza kuba umusemburo w'amahoro n'imibanire myiza aho mutuye, ku mashuri ndetse no mu bice inkambi ihereyemo (ku batuye mu nkambi no mu nkengero zayo) munarushaho kubera ingero nziza abandi muri sosiyete mutuyemo.

Turashimira abafatanyabikorwa n'inzego zitandukanye mu nkambi ya Kigeme ku bufatanye tugirana kugira ngo tubashe kwandika iki kinyamakuru twavugaga nka MIDIMAR, komite ihagarariye impunzi, UNHCR (ishami ry'umuryango w'abibumbye ryita ku mpunzi), POLISI, Akagari ka Kigeme n'abandi bafatanyabikorwa batandukanye bo mu nkambi ya Kigeme.

Turashimira by'umwihariko abanyamakuru bacu ku bwitange n'umurava bagaragaje batara kandi banandika izi nkuru.

**MBONIGABA Jean Damascène**

## **Umwanditsi mukuru:**

MBONIGABA Jean Damascène

## **Abanditsi bakuru bungirije :**

NIYODUSENGA Chantal

MUGENZI Javan

MUTABAZI Yves

## **Abanditsi:**

UMUHOZA Clémence

IRIBAGIZA Fasil

NIYOYIZEYE Noah

SHUKURU Alphonse

MUGISHA Willy

NYAMPINGA Marie Grace

TWIZERIMANA Innocent

IRADUKUNDA Jeanine

NKURUNZIZA Jimmy

BYAMUNGU Dieudonne

SONGA Etienne

SHYAKA Rodrigue

## **Abafashe amafoto:**

MUGISHA Willy

MUTABAZI Yves



# UKO ABATURAGE BO KU KIGEME BABONA IBYIZA BYO GUKORESHA UMUHANDA NEZA

**I**nkambi ya Kigeme ni nkambi iri mu majyepfo y'u Rwanda ikaba iherereye mu karere ka Nyamagabe, umurenge wa Gasaka. Ubusanzwe iyi nkambi ituriye umuhanda munini wa kaburimbo werekeza mu karere ka Rusizi ku buryo uyu muhanda uca hagati y'ibice bibiri by'inkambi ya Kigeme.

Kuba uyu muhanda uca mu gasantere ka Kigeme mbere yo kugera ku nkambi bituma ukoreshwa n'abantu benshi b'ingeri zitandukanye. Aha twavugaga abajya mu mirimo itandukanye, abanyeshuri bava cyangwa bajya kwiga, abatembera ndetse n'abandi batandukanye.



NGOGA Vincent avugaga akamaro k'umuhanda wo ku Kigeme (photo Willy M)

Ku bwe avugaga ko gukoresha umuhanda neza birinda impanuka mu muhanda kandi bigateza iterambere vuba uwuturiye ndetse bikorohereza abantu benshi mu gukora ingendo zitandukanye bikanongera umubano mu bantu, kuko gusurana biborohera.

Mu magambo ye bwite yagize ati: "Njyewe mbona umuhanda ufite akamaro kanini iyo wawukoresha neza kuko bituma hatabaho impanuka kandi bigateza iterambere vuba uwuturiye ndetse bikorohereza abantu benshi mu gukora ingendo zitandukanye bikanongera umubano mu bantu". Akaba yarasoje agira abantu inama yuko bagomba gukoresha umuhanda neza birinda impanuka ziterwa n'ibinyabiziga bitandukanye nk'amagare, imodoka bityo bakarushaho kwiteza imbere babyaza umusaruro umuhanda mu buryo bwiza.

HAVUGIMA Athanase ni umukinnyi twasanze mu gasantere ka Kigeme akaba afite imyaka 24 y'amavuko akaba atuye hanze y'inkambi ya Kigeme. Yatubwiye ko iyo ukoresha umuhanda neza bituma ingendo zorohera kandi ukabona ibyo ukeneye ku gihe. Akomeza avugaga ko we yumva ko umuhanda udakoreshejwe neza agafaranga kataboneka ahubwo bajya bahora mu mpanuka gusa ndetse n'imigenderanire itababwiza.

Usibye abanyamaguru, uyu muhanda ucamo ibinyabiziga bitandukanye biva cyangwa bijya mu cyerekezo kimwe cyangwa ikindi cy'uwu muhanda. Ibyo binyabiziga twavugamo imodoka z'abafatanyabikorwa bakorera mu nkambi, izijya n'iziva i Rusizi no mu nzira zaho ndetse tutibagiwe amagare cyane cyane ay'abacuruzi n'abahinzi b'ibirayi bo ku Kitabi, Mushubi na Gasaranda bashoraho uwo musaruro mu muji wa Nyamagabe. Aba bahinzi cyangwa abacuruzi akenshi bashoraho uwo musaruro bakoresheje amagare usanga aba afite umuvuduko uri hejuru iyo ageze ku Kigeme.

Ikinyamakuru Kigeme Iwacu kifuje kuganira n'abakoresha uyu muhanda maze bamwe mu baturage baba abatuye mu nkambi ya Kigeme ndetse no hanze yayo batubwirako hari ibyiza babona n'inyungu bagira mu gihe uyu muhanda wakoreshejwe neza.

Twahise duhura n'umusore w' imyaka 21 y'amavuko akaba atuye mu nkambi witwaga Ngoga Vincent akaba ubusanzwe akora akazi ko gahamagara abagenzi ngo bajye mu modoka ziba zitwara abagenzi zibavana ku nkambi zibajyana i Nyamagabe mu muji cyangwa mu tundi duce tw'igihugu.



HAVUGIMANA Athanase utuye mu kagari ka Kigeme yaganiriye na Kigeme Iwacu (photo ubwanditsi)

Ntabwo twagarukiye aho kuko twegereye n'abakuzze maze tunganira na Nyirabeza Gisele wifuje ko tutagaragaza ifoto ye, nawe akaba atuye mu nkambi ya Kigeme akaba afite imyaka 30 y'amavuko, akaba acururiza hafi y'umuhanda uri iruhande rw'akagari ka Kigeme. Uyu mubyeyi mu magambo ye make yagize ati "Gukoresha umuhanda neza ni ingenzi kuko nk'iyonyiye kurangura ibicuruzwa byanjye nywukoresha mu ngendo zanjye. Yakomeje abwira ikinyamakuru Kigeme Iwacu ko kandi umuhanda utuma abona abakiriya mu buryo bworoshye"

Umuhanda ni igikorwaremezo gikoreshwa n'abantu batandukanye bikoroshya urujya n'uruza rw'abantu bityo imibereho n'imibanire bikoroha ahanini bishingiye ku migenderanire hagati y'abantu. Umuhanda ugira urundi ruhare rukomeye mu koroshya ubucuruzi, ubukerarugendo, ndetse n'ibindi muri make umuhanda ni ingenzi kuko ufiteye akamaro kanini imibereho ya muntu.

*Inkuru ya SHUKURU Alphonse na IRIBAGIZA Fasil*

## NI GUTE UMUNYAMAGURU AKWIYE KWITWARA MU MUHANDA BIKAMUFASHA KWIRINDA IMPANUKA

**M**uri rusange umuhanda ukoreshe n'abantu ndetse n'ibinyabiziga mu buryo butandukanye, gusa usanga bamwe mu banyamaguru badasobanukiwe bimwe mu by'ibanze bakora kugira ngo bagende mu muhanda neza mu buryo butabateza impanuka. Mbere yo kwinjira mu nkuru nyir'izina twifuje kubanza kubashakira ibisobanuro by'umunyamaguru n'umuhanda maze dusoma igazeti ya leta y'u Rwanda mu gisata cy'ibijyanye n'amategeko agenga imikore-shereze y'umuhanda bityo tubategurira ibi bisobanuro kuri aya magambo, mu buryo bukurikira.

Umunyamaguru ni umuntu wese ugenda ku ruhande rw'umuhanda kandi akagenda adasatiriye aho ibinyabiziga binyura kandi akagenda ku muvuduko muke ugereranije n'uw'ikinyabiziga naho umuhanda ni inzira nyabagendwa inyurwamo n'ibinyabiziga kandi ikaba ifite n'ubugari buhagije ku buryo ibinyabiziga bishobora, kugenda bibangikanye cyangwa bibisikana mu buryo bworoshye.

### Ese umuhanda ukoreshewa ute ku Kigeme?

Twegereye BIGANIRO Isaac akaba ashinzwe umutekano mu nkambi ya Kigeme atubwira ko muri rusange umuhanda udakoreshe neza uko bikwiye ariko anagira inama abakoresha umuhanda wa Kigeme. Mu magambo ye yagize ati: "Njye ndagira inama abakoresha uyu muhanda wa Kigeme ko bakoresha inzira yo kuruhande yagenewe abanyamaguru kuko abantu baracyafite imyumvire yo kugenda mu muhanda hagati aho kugenda ku ruhande bituma bagongwa n'ibinyabiziga byiganjemo amagare kuko yo aba adafite moteri ku buryo nta n'imodoka iri hafi aho rishobora kugonga umuntu atari yamenye ko ryaje".

Umwe mu batwara amagare twaganiriye yatubwiye ko kubera urujya n'uruza rw'abantu baba bari ku Kigeme cyane cyane mu masaha ya mugitondo na nimugoroba ngo uyu muhanda ntibiba byoroshye kuwucamo kuko usanga abantu baba bigendera mu muhanda hagati bityo bikabagora avuga kandi ko abawukoresha cyane cyane abo mu nkambi bakwiye kwisubiraho kubera ko bagendera mu muhanda rwagati batitaye ko ugendwamo n' ibinyabiziga bishobora kubagonga.



BIGANIRO Isaac ushinzwe umutekano mu nkambi ya Kigeme (photo ubwanditsi)

Muri rusange abakoresha umuhanda wa Kigeme babona kugira ngo ibibazo by'impanuka bigabanuke habaho ubukanguramba buhagije abantu bakigishwa gukoresha umuhanda neza bityo imyumvire mu bijyanye no gukoresha umuhanda ikagenda izamuka cyane cyane mu bakiri batoya. Ibi kandi ngo byaba byiza kurushaho byiyongereyeho gushyira ibimenyetso byabugenewe muri uyu muhanda nka dodani(dos d'nes) aho abanyamaguru banyura hahagije ndetse n'ibyapa byo kugabanya umuvuduko.

Nk'uko tubikesha urubuga rwa POLISI y'igihugu ngo birakwiye ko umunyamaguru ugiye kwambuka umuhanda abanza akareba iburyo n'ibumoso, akareba niba nta modoka iri hafi ku buryo yambutse batahurira hagati mu muhanda, maze akabona kwambuka, kandi nabwo akambuka yihuta, akirinda kumara akanya kanini hagati mu muhanda kandi akirinda kwambuka avugira kuri telefone cyangwa arimo kwandika ubutumwa bugufi.

Ikindi yareba amatara atanga uburenganzira bwo kwambuka yuko yamuhaye uruhushya (hamurika igishushanyo cy'umugabo utambuka mu rumuri rw'icyatsi kibisi).

Ibi kandi byagarutseweho na none na Madamu UWAMBAYIKIREZI Rosette umuyobozi w'inkambi ya Kigeme ubwo yaganiraga n'ikinyamakuru Kigeme Iwacu aho asaba abakoresha umuhanda wa Kigeme kuwugendamo bitonze kandi no mu gihe bagiye kwambuka umuhanda bajya babanza kureba ku mpande zombi z'umuhanda kugira ngo barebe ko nta kinyabiziga kiri hafi maze babone kwambuka.

**Inkuru ya SHUKURU Alphonse na IRIBAGIZA Fasil**

## ESE MU GIHE HABAYE IMPANUKA NI AYAHE MAKIMBIRANE BISHOBORA GUTERA MU BATUYE KU KIGEME?

**U**muhanda wa kaburimbo wo ku Kigeme ukoreshe cyane muri gahunda zitandukanye usanga zifitiye umumaro yaba abatuye mu nkambi ya Kigeme ndetse n'abayituriye.

Ibi bituma impunzi z'abakongomani zituye mu nkambi ya Kigeme n'abanyarwanda baturiyeye iyi nkambi baturira mu biko-rwa bya buri munsu twavugaga nk'ubuhahirane, ubucuruzi, abanyeshuri bajya cyangwa bava ku ishuri hakiyongeraho n'ibikorwa by'imyidagaduro bigatuma ahanini usanga uyu muhanda wiganjemo abantu benshi cyane, bitewe n'urujya n'uruza rw'abo bantu. Ibi tumaze kuvugaga bituma habaho n'impanuka za hato na hato bamwe bagakomereka ndetse abandi bakanapfa. Bituma kandi habaho amakimbirane aho bamwe mu banyarwanda n'impunzi usanga bitana ba mwana ku kibazo cyabaye bityo bigatera umwuka mubi hagati yabo. Aha akenshi usanga ababa mu nkambi bashyira mu majwi abanyarwanda cyane cyane abatwara ibirayi ku magare yabo bagiye kubicuruzira mu mujyi wa Nyamagabe ko amagare yabo aba afite umuvuduko mwinshi cyane.

Nyamara na none ku rundi ruhande usanga abanyarwanda nabo bavugaga ko zimwe mu mpunzi zo mu nkambi ya Kigeme nazo zitagenda mu muhanda neza ndetse ngo zitanawutinye.

Bakomeza bavugaga ko akenshi nk'iyi habaye impanuka abatabaye baza bafata ugonze nka nyir' amakosa rimwe na rimwe ushobora gusanga n'ugonzwe yari ayafite.

Mugenzi Emmanuel utuye mu kagari ka Kigeme umudugudu wa Gakoma avugaga ko ibi bijya bibaho gusa ku bwe avugaga ko bimaze kugabanuka bigaragara ati: "Nkanjye nshinzwe umutekano ibyo bibazo mbona byaragabanutse ugereranyije na mbere kubera ko ubu niyo bibaye dufatanyaga n'abayobozi bo mu nkambi tukabashyikiriza inzego z'umutekano".

NSHUTI Augustin umwe mu batuye mu nkambi akaba akorera mu gasoko ka Kigeme avugaga ko ari byo koko habaho kutumvikana igihe habaye impanuka bikanatera umwuka mubi gusa yongeraho ko abona iki kibazo kitagikomereye cyane kubera ko abayobozi bagihagurukiye muri iyi minsi. Yagize ati: "Nibyo koko abantu bajya bashyamirana igihe habaye nk'impanuka wenda umunyarwanda agonze uwo mu nkambi gusa muri iyi minsi ubona ko bigenda bigabanuka kubera ko POLISI n'abandi bayobozi babihagurukiye".



MUGENZI Emmanuel uturiye inkambi ya Kigeme mu mudugudu wa Gakoma (photo ubwanditsi)



MUNYAKARAMBI Edison uhagarariye impunzi mu nkambi ya Kigeme, yatubwiye ko habaho guterana amagambo abanyarwanda bavuga ko impunzi zitagenda mu muhanda neza bavuga ko aho gutinya impanuka impunzi zo ku Kigeme zitinya imvura yagize ati: "Nibyo koko usanga bitana ba mwana hagati y'abanyarwanda n'impuzi, gusa ku ruhande rwo mu nkambi dukomeza kwigisha impunzi tuzikangurira kwitwara neza mu muhanda si ibyo gusa kandi kuko dufite itsinda ry'abayobozi bo mu nkambi n'abo hanze duhura buri kwezi tukaganira ndetse tukanashakira umuti ibibazo nk'ibyo".



KANGENEYE Alodie, umukozi ushinze iterambere ry'ubukungu n'imibereho myiza mu kagari ka Kigeme (photo:Ubwanditsi)

Ubusanzwe ikigo cy'amashuri cya Groupe scolaire Kigeme B kigwamo n'anyeshuri bagera ku bihumbi bine (4000) bakaba bagizwe n'impunzi n'abanyarwanda kandi hafi ya bose bakoresha uyu muhanda wa Kigeme bava cyangwa bajya ku ishuri.

Polisi ndetse n'izindi nzego zaba izo mu nkambi n'izo hanze y'inkambi bakomeje gukora ibishoboka byose ngo bigishe abaturage bo ku Kigeme ngo basobanukirwe neza uburyo bwo gukoresha uwo muhanda cyane cyane biciye mu biganiro mu mashuri atandukanye aturiye inkambi ya Kigeme no mu nama rusange zitandukanye zaba izibera mu nkambi ndetse no hanze yayo.

Ni mu gihe kandi hariho n'ibikorwa byo gusana no kwagura uyu muhanda

Ku ruhande rw'ubuyobozi bw'akagari ka Kigeme KANGENEYE Alodie, umukozi ushinze iterambere ry'ubukungu n'imibereho myiza muri aka kagari avuga ko hakenewe ubukangurambaga bugamije kuzamura imyumvire y'abakoresha uyu muhanda. Kubw'ibyo kandi ko ku bufatanye n'inzego zo mu nkambi na Polisi bazakomeza gukora ubukangurambaga bugamije kwigisha abakoresha umuhanda kugira ngo impanuka zigabanuke bityo n'amakimbirane ashobora kubaho igihe umunyarwanda agonze uwo mu nkambi agabanuke.

Ubwo yaganiraga n'abanyeshuri bo mu rwunge rw'amashuri rwa Kigeme B (Groupe Scolaire Kigeme B), AIP Daniel NIYIBIZI ushinze ibikorwa byo guhuza polisi n'abaturage mu ishamba rya Polisi y'igihugu mu karere ka Nyamagabe nawe yongeye gusaba abanyeshuri bo muri icyo kigo kumenya aho bagendera mu gihe bagenda mu muhanda kubera ko umuhanda ari muto kandi ukaba ukoresha n'abantu benshi bigatuma habaho n'impanuka akenshi zihitana abiganjemo abakiri bato. Polisi kandi irasaba abatuye mu nkambi no mu nkengero zayo ko mbere yo kwambukiranya umuhanda bakwiye kujya bareba iburyo n'ibumoso bakareba niba nta binyabiziga biri mu muhanda mu rwego rwo kwirinda impanuka.



AIP Daniel NIYIBIZI aganira n'abanyeshuri bo mu rwunge rw'amashuri rwa Kigeme B (Photo:Yves M)

**Inkuru ya NYAMPINGA Grace na BYAMUNGU Dieudonne**

## BAMWE MU BATURAGE BO MU NKAMBI YA KIGEME BAFITE IMPUNGENCE Z'IMPANUKA AHATANGIRWA INKWI

**B**amwe mu baturage bo mu nkambi ya Kigeme baganiriye n'ikinyamakuru Kigeme Iwacu bavuga ko aho bafatira inkwi habatera impungenge kubera ko ari hafi cyane y'umuhanda ucamo imodoka nyinshi kandi n'abafata inkwi nabo baba ari benshi bityo bikaba bituma bahora bafite ubwoba bw'uko hazabera impanuka kuko n'ubusanzwe hakunda gubera impanuka.

MUNYAKARAMBI Edison uhagarariye impunzi mu nkambi ya Kigeme aganira n'ikinyamakuru Kigeme Iwacu yavuze ko mu by'ukuri ari ikibazo kuba inkwi zitangirwa hafi y'umuhanda kuriya, akomeza avuga ko hakenewe ubuvugizi kugira ngo nibura haboneke ahandi hantu hatangirwa inkwi hatari aho zitangirwa ubu ngubu.



Ifoto igaragaza ahatangirwa inkwi ku batuye mu nkambi ya Kigeme muni y'umuhanda gato aharunze inkwi (photo Yves M.)

Ibi kandi bigarukwaho na bamwe mu baturage bavuga ko kariya gace gatangirwamo inkwi kabatera impungenge cyane ko n'iyi hari gutangwa inkwi haba hari abantu benshi cyane banyuranwamo bamwe baza kureba niba bagezweho ngo bafate inkwi abandi bamaze gufata inkwi bazicumira hafi aho y'umuhanda kugira ngo baze kubona uko bazitahana nk'uko bitangazwa na MBERABAGABO Claude, twaganiriye akaba acuruza mituyu (me to you) hafi y'aho bafatira inkwi akaba abona uko biba bimeze mu gihe cyo kuzifata.

Yagize ati: "Hari imbogamizi nyinshi cyane nk'iyi batanze inkwi hariho igihe ubona biteye ubwoba cyane rimwe na rimwe n'amagare akaba yagonga abantu".

Abajijwe kuri icyo kibazo umuyobozi w'inkambi ya Kigeme Madamu UWAMBAYIKIREZI Rosette yavuze ko bahatangira inkwi kubera ko ariho ubuyobozi bw'inkambi bwabonye ubutaka kandi bukaba ari buto gusa avuga ko hariho gahunda nubundi yo guhindura uburyo bwo gufata ibicanwa biciye mu gutanga amafaranga maze abantu bakajya bazigurira ariko kubera ko iyo gahunda itarabaho yavuze ko abatuye inkambi ya Kigeme bajya gufata inkwi basabwa kwitwararika no kuba maso mu gihe bafata inkwi na nyuma y'uko bazifata kugira ngo hakumirwe impanuka zabaho bitewe n'urujya n'uruza rw'abantu baba bahari.

Yagize ati: "Ni ikibazo tuzi ariko hariya niho twabonye ubutaka kugeza ubu ariko gusa hariho uburyo buteganywa bwo gutanga amafaranga mu kimbo yo kubaha inkwi ndizera ko nibubaho buzadufasha cyane bukanakemura na kiriya kibazo".

Kuri iki kibazo polisi isaba abatuye mu nkambi ya Kigeme kwitodera ahatangirwa inkwi kuko usanga hari abantu benshi kandi begereye umuhanda munini wa kaburimbo rimwe na rimwe usanga biganjemo abana bato ariyo mpamvu Polisi isaba ababyeyi uruhare mu kurinda abana babo kwegera umuhanda cyane ahubwo bagahagarara ku ruhande.



MUNYAKARAMBI Edison uhagarariye impunzi mu nkambi ya Kigeme (Photo archive)



MBERABAGABO Claude yaganiriye na Kigeme Iwacu (photo Yves M.)

**Inkuru ya MUTABAZI Yves**



# UBUYOBOZI BW'INKAMBI YA KIGEME BURASABA ABA-YITUYEMO KWIRINDA INKONGI Z'UMURIRO

**G**uhera mu kwezi kwa gatatu n'ukwa kane, amwe mu mazu y'abatuye mu nkambi ya Kigeme yibasiwe n'inkongi z'umuriro bikaba ahanini ngo byaraterwaga n'uburangare bwa ba nyir'aya mazu kubera gucana mu nzu cyangwa kwibagirwa kuzimya buji byatumaga bimwe mu bikoresho byo mu nzu bifatwa n'umuriro bityo bikanatuma inzu nazo zishya nk'uko bisobanurwa n'abashinzwe umutekano mu nkambi ya Kigeme

BIGANIRO Isaac ushinzwe umutekano mu nkambi ya Kigeme, aganira na Kigeme Iwacu yavuze ko inzu zahiye muri ayo mezi zigera kuri 6 hakaba harimo izahiye kubera impamvu z'uburangare bwa ba nyir'amazu ndetse n'izindi hataramenyekana neza icyazitwitse. NYIRATEGURA Solange ni umuturage wo mu nkambi ya Kigeme akaba atuye muri karitsiye ya mbere vilaje ya kane akaba n'umwe mu bahishije inzu bitewe na buji yari yashyize iruhande rw'uburiri nk'uko yabibwiye umunyamakuru wa Kigeme Iwacu.



NYIRATEGURA Solange ni umuturage wo mu nkambi ya Kigeme wahishije inzu (photo Yves M.)

Yagize ati: "Twari tumaze kuryama maze nshyira buji yaka kuri mare nyuma iza gutwika inzu hari nko mu saa tanu z'ijoro tariki ya 10 Mata 2018 ku buryo ibyo mu nzu byose byahiye gusa inzu yo ntiyahiye yose ngo irangire".



Igice cy'inzu ya MUKANKUNDIYE Mwitigure cyegera ahagana ku murungano nicyo cyahiye cyane (photo Yves M.)

Ku rundi ruhande nk'uko mubibona ku ifoto MUKANDUTIYE Mwitigure utuye muri karitsiye ya mbere vilaje ya kabiri ku nzu ya 27 nawe avuga ko yahishije inzu gusa nk'uko abisobanura ngo kugeza ubu ataramenya icyatumye inzu ye ishya kuko yaje yavuye aho yari yagiye aje asanga inzu ye iri gushya maze atabaza abaturanyi barayizimya. Ati: "Navuye kwandikisha umwana nsanga inzu yaka gusa nanjye kugeza ubu sindamenya icyayitwitse". Ku ruhande rw'ubuyobozi bw'inkambi ya Kigeme Madamu UWAMBAYIKIREZI Rosette asaba abatuye mu nkambi kwirinda uburangare bakamenya ko baryamye bamaze kuzimya buji bakoresha bamurika ndetse n'imbabura batekeyeho ku bazikoresha. Yasabye kandi ko aho bishoboka abatuye bakwirinda gucana mu nzu kuko nabyo biri mu byatuma inzu ishya mu guhe hatabayeho kuba maso.



UWAMBAYIKIREZI Rosette, umuyobozi w'inkambi ya Kigeme (ubwanditsi)

Yagize ati: "Dukomeje gusaba abatuye mu nkambi kwirinda gucana mu nzu aho bishoboka, turabasaba kandi ko bajya baba maso bakamenya ko bajimije ibikoresho byaka nk'inkwi, buji, amakara mbere yo kuryama kugira ngo bitaza gufatisha bimwe bikoresho byo mu nzu bikaba byatuma inzu yose ishya".

Inkongi y'umuriro nk'izi zibasiye amazu mu nkambi ya Kigeme ni kimwe mu bishobora kubangamira umutekano w'abantu n'ibyabo kubera ko akenshi iyo inzu ihiye ibiyirimo birashya ndetse n'abantu bagakomereka cyangwa bakanabura ubuzima. Ni muri urwo rwego ubuyobozi bw'inkambi ya Kigeme bufatanyije na komite ihagarariye impunzi binyuze mu nama zitandukanye bwigisha abatuye kwirinda ikintu icyo ari cyo cyose cyatuma habaho inkongi y'umuriro mu nkambi.

**Inkuru ya MUTABAZI Yves**

# IBYO WAMENYA KU NKUBA BENSHI BAGERERANYA N'INKOKO Y'ISAKE N'UBURYO WAYIRINDA

**M**u gihe mu minsi ishize , mu Rwanda hagaragaye ibihe bidasanze by'imvura nyinshi ivanze n'imirabyo, imiyaga ndetse n'inkuba bikaba byarateye imyuzure n'inkangu; ndetse hari aho inkuba zahitanye ubuzima bw'abantu hirya no hino mu gihugu. Urugero ni nk'aho mu karere ka Nyaruguru tariki ya 10 Werurwe 2018 inkuba yakubise abantu basaga 40 barimo gusenga, 15 muri bo bahita bashiramo umwuka bitaba Imana nk'uko tubikesha ikinyamakuru Kigali Today.

Kimwe n'abandi baturage, abatuye mu nkambi ya Kigeme iherereye mu karere ka Nyamagabe, umurenge wa Gasaka akagari ka Kigeme usanga batazi icyo inkuba ari cyo ndetse bakaba batanasobanukiwe neza uko bakwitwara mu gihe bari mu bihe by'imvura byiganjemo inkuba.

## Icyo abaturage bo ku Kigeme bavuga ko bazi ku nkuba

Mbere yo kubashakira ibyo abahanga bavuga ku nkuba n'uko yakwirindwa, umunyamakuru wa Kigeme Iwacu yaganiriye na bamwe mu baturage batuye mu nkambi ya Kigeme maze batubwira icyo bazi ku nkuba. Abeshi twaganiriye usanga bafite amakuru ariko adahagije ku nkuba, ikiyitera n'uko yakwirindwa.

NGABONZIZA Damascene, umusore uba mu nkambi ya Kigeme afite imyaka 26 y'amavuko. Ku bwe avuga ko inkuba ari ubushyuhwe buva mu kirere bugahura n'ubwo hasi, nyuma bigatera guturika. Akomeza avuga ko inkuba ikunze kugaragarira ahantu hirengeye ndetse n'ahantu hari ibyuma n'ibikoresho by'itumanaho. Abajijwe uko yumva abantu bagakwiye kwitwara mu gihe cy'imvura yiganjemo inkuba yavuze ko abantu bakwitabira gukoresha imirindankuba ku bafite umuriro mu nzu, kwirinda ibyuma gukoresha ibikoresho by'itumanaho ndetse ndetse bakirinda kugama muni y'ibiti n'amapoto y'amashanyarazi mu gihe imvura iri kugwa.

KANYESHURI Muyovu ni umugabo mukuru uba mu nkambi ya Kigeme ufite imyaka 62 y'amavuko. Agira ati: "Njyewe numva bavuga ko inkuba ari imyuka iva hasi no hejuru bigahura, nyuma aho isanze ibintu bikahasiga ubuzima". Akomeza agira ati: "Inkuba ikunda kuba ahantu h'ubutayu hatari ibiti byinshi, ku ngo z'abantu no mu mashyamba ari kumwe". Gusa avuga ko hari uburyo bwo kwirinda inkuba mu gihe cy'imvura nko kuva mu bito ukajya kure yabyo, kujya kure y'amashyamba ari hamwe menshi (ubushyamba) ndetse no gutera igiti cy'umuduha (iki giti ngo ise yamubwiraga ko aho giteye nta nkuba ihagera).

## Ese inkuba ni iki?

Nyuma yo kuganira n'abaturage twabakusanyirije amwe mu makuru wamenya ku cyo twita inkuba, ikiyitera nuko wayirinda kugira ngo utazakubitwa nayo ikaba yagukomeretsa cyangwa ikakwica.

Ikinyamakuru Igihe.com cyagaragaje ko inkuba ari uruhurirane rw'ingufu zihurira mu kirere maze ikubitana ryazo rigatanga izindi ngufu zo mu bwoko bw'amashanyarazi; aribyo twumva cyangwa tubona bikubita nk'inkuba n'imirabyo. Ibi nibyo bikomeretsa cyangwa bikica uwo bihuye nawe byose kandi zikaba ingufu z'amashanyarazi zifite mega wate miriyari, ingufu zihuta cyane, ingufu z'amasharazi zica umuntu umwe muri barindwi zihura nabo cyangwa bose ikabahitana, byose bigaterwa n'imbaraga inkuba iba ifite.

Akenshi mu mvura mbere y'uko twumva ibiturika tubanza kubona umurabyo uza mu ishusho y'igiti cyangwa umuzi w'igiti ufite umuvuduko urenze uwo guhumbya, umuvuduko w'ibirometero miriyoni mu isaha cyangwa umuvuduko w'ibirometero 25 ku isegonda.

Iyo ukubiswe n'inkuba amashanyarazi akomeye yinjira muri wowe akuzura mu mubiri bitewe nuko mu mubiri naho haba harimo ama aside yo kugira ngo adufashe kubaho, umubiri uhita wirekura kugira ngo amashanyarazi awusohokemo kuko amaraso yose ahurira ku mutima, amashanyarazi yirunda mu mutima ugahagarara, ahandi hantu inkuba yirukira ni murutirigongo kubera ko ubwonko bukoresha amashanyarazi kamere kugira ngo amakuru agere mu mubiri bityo izo ngufu z'amashanyarazi zikivanga.

Ingaruka ziba nuko ubwonko bwawe budakora neza kuko nk'umuntu wakubiswe n'inkuba ushobora kumutuma ikaramu akamara umunota atekereza ikaramu icyo aricyo gutyo gutyo.





Ifoto igaragaza imirabyo irabya akenshi iyo inkuba igiye gukubita (photo: internet)

### Ni gute wakwirinda gukubitwa n' inkuba?

Urumva rero ko inkuba ikaze kandi ifite ingaruka mbi igihe yagukubisa gusa abahanga banagaragaza ko hari uburyo twakwitwara kugira ngo tugabanye ubukana n'ingaruka bishobora kutugiraho. Mu gihe hagwa imvura ivanze n'imirabyo n'inkuba, abaturage basabwa ibi bikurukira: kwirinda kugama munsu y'igiti kiri cyonyine, kwirinda kugama ahantu hari inzu za telefoni rusange cyangwa ku misozi hejuru, kuko ibyo byose byagira uruhare mu gukubitwa n'inkuba; kwirinda gukorakora no gutwara ibintu bizwiho gutwara umuriro vuba ni ukuvuga ibyuma binyuranye nk'amakanya, umutaka, ferabeto(fer à béton) n'ibindi mu gihe ibyo byuma bisumba umutwe w'ubitwaye.

Igihe uri mu modoka; ibuka gufunga ibirahure byose, wirinda kandi gukorakora (gushyira intoki) mu madirishya arimo ibyuma bya giriya (grillage), kwirinda kuba hafi cyangwa gukorakora ahantu hari za senyenge cyangwa se ibindi bikoresho bikoze mu byuma.

Niba wumvise inkuba uri mu ishyamba, ibyiza ni ukuguma hagati ukirinda kujya mu nkengeri zaryo. Kwirinda koga, kuguma cyangwa kugenda mu mazi mu gihe cy'inkuba. Abana bakabuzwa gukinira mu bidendezi by'amazi; kwirinda gukandagira mu mazi mu nzu ukoropa cyangwa umesa.

Ni byiza kandi kwirinda gukoresha ibyuma bizamuka mu nyubako z'amagorofa aribyo bita Ascenseur (lift) igihe cy'imirabyo n'inkuba, kwirinda gukoresha ibintu byose bikoresha amashanyarazi mu gihe utizeye neza ko inyubako yawe ifite "akarindankuba" (paratonnerre), kwirinda kuryama hasi ku butaka kuko byakurura gukubitwa n'inkuba. Niba uri ku igare cyangwa kuri moto, ibyiza ni ukubivaho kuko bishobora gutuma inkuba igukubita.

Mu gihe ukoresha ibikoresho bikoreshwa n'amashanyarazi ni ngombwa kwifashishwa ibyuma byabugenewe.

Mu nkambi ya Kigeme ministeri y' imicungire y' ibiza n' impunzi yahuguye abayobozi b' impunzi ku buryo butandukanye bwo kwirinda inkuba ku buryo nabo bafasha abandi babaha amakuru y' uburyo bakwitwara mu kwirinda inkuba. N'uko twabitangarijwe n' umuyobozi w' inkambi ya Kigeme wakomeje avuga kandi ko bakomeje ubukangurambaga mu rwego rwo kuzamura imyumvire hagamijwe ko abaturage bo mu nkambi bamenya uburyo butandukanye bwo kwirinda impanuka zituruka ku nkuba.

**Byegeranyijwe na MUGENZI Javan**

# KUGIRA URUHARE MU KWIRINDIRA UMUTEKANO KU MPUNZI ZO MU NKAMBI YA KIGEME BICIYE MURI “COMMUNITY POLICING”

**K**u bufatanye bwa minisiteri y'imicungire y'ibiza n'impunzi (MIDIMAR), ishami ry'umuryango w'abibumbye ryita ku mpunzi (UNCHR), ishami ryawo rya Huye, ndetse n'izindi nzego zishinzwe umutekano, rirateganya gutangiza gahunda y'uko abaturage bo mu nkambi ya Kigeme bagira uruhare rw'ibanze mu kwicungira umutekano wabo izwi nka “community policing” mu nkambi ya Kigeme.

Community Policing” mu magambo make ni uburyo bushya mu nkambi ya Kigeme ariko atari bushya mu Rwanda bw'ubufatanye hagati ya Polisi n'abaturage/impunzi mu gukemura ibibazo bijyanye n'umutekano wabo, ubwabo babigizemo uruhare. Haba mu ku bikemura cyangwa no mu kubikumira bitaraba. Intego y'iki gikorwa cya Community policing ni ukugabanya no gukemura ibyaha n'ibindi bihungabanya umutekano w'impunzi, mu buryo hagombwa kwigana ubushishozi impanvu zibitera hagafatwa n'ingamba mu gukemura ibyo bibazo mu bufatanye hagati y'abaturage na POLISI.

Impanvu rero iki gikorwa ari ingenzi ni uko abaturage cyangwa impunzi ubwabo bagira uruhare mu gukurikirana imibereho n'umutekano wa buri muni w'inkambi yabo babifatanyijemo n'abapolisi ku buryo bagira uruhare mu gukemura ibibazo biteza umutekano muke mu nkambi yabo. Kandi bituma n'impunzi ubwazo zirushaho kugirira ikizere abafatanyabikorwa babo ari bo bapolisi ntibababone gusa nk'abashinzwe kubahana, ahubwo bakababona nk'abafatanyabikorwa mu gucunga umutekano wabo n'ibyabo.

Polisi nayo biyifasha mu kumenya ibibazo bijyanye n'umutekano abaturage cyangwa impunzi bahura nabyo umunsi ku wundi. Niyo mpanvu “Community Policing” ifatwa nk'uburyo buhamye bwo guteza imbere umutekano mu buryo rusange bigatuma impunzi zigira ubuzima bwiza buzira guhungubana.

Rero kugira ngo iki gikorwa kinoswe, hasabwa ubufatanye hagati y'abaturage n'impunzi ndetse na polisi, kuko umutekano ureba buri wese kandi ugombwa gukurikiranwa na buri wese ku giti cye, kugira ngo aho batuye harangwe n'amahoro.

Ikindi ni uko iki gikorwa gishobora kunonosorwa neza mu ishyirwa mu bikorwa ryacyo kandi impunzi cyangwa abaturage ubwabo aribo babigizemo uruhare.

Kuko uburyo iki gikorwa gishyirwa mu bikorwa mu gace kamwe siko gishyirwa mu bikorwa mu kandi gace, niyo mpanvu impunzi zigomba kukigiramo uruhare runini mu ishyirwa mu bikorwa rwacyo.

Ku ruhanda rwa polisi y'igihugu, ubuyobozi bwayo mu karere ka Nyamagabe bushishikariza impunzi n'abanyarwanda muri iyi gahunda kugira uruhare mu bufatanye na Polisi cyane cyane mu guhanahana amakuru ahakewe icyahungabanya umutekano mu rwego rwo gukemura icyaha kitaraba batangira amakuru ku gihe kandi vuba. Ku rundi ruhanda Polisi kandi ishimira ubuyobozi bw'impunzi uburyo bwagiye bukorana nayo muri gahunda zitandukanye zo kurwanya ibyaha ndetse no kwicungira umutekano muri rusange.



RWABIGWI Emmanuel Ushinzwe umutekano muri UNHCR mu ishamba rya Huye

Ku ruhanda rw'abashinzwe umutekano muri UNHCR (ishami ry'umuryango w'abibumbye ryita ku mpunzi) ishamba rya Huye nabo bavugaga ko basanga ubufatanye bw'impunzi, abanyarwanda ndetse n'abashinzwe umutekano (Polisi) muri iki gikorwa byaba ari ingirakamaro cyane ku mutekano w'impunzi n'ibyabo mu nkambi ya Kigeme.

**RWABIGWI K. Emmanuel (UNHCR)**



## UMUTEKANO W'AMABARABARA MU NKAMBI YA MAHAMA, ABANA BARABABUZA KWENENENA KU MIDUGA

**I**nkambi y'impunzi ya Mahama ni inkambi nini iherereye mu burasirazuba bw'u Rwanda mu karere ka Kirehe, umurenge wa Mahama. Kenshi na kenshi biba ngombwa ko hakoresha ukwiyunguruza n'imodoka kugira abafatanyabikorwa bakorera aho bashobore kuva aha baja hariya (mu nkambi).

Hari n'indi miduga isanzwe izana ibikoresho vyo kwubaka nk'amabuye, amatafari, imicanga n' ibindi. Tutibagiye amapikipiki hamwe n'amakinga bisanzwe bikoreshwa cane cane n'impunzi zimwe zimwe mu buzima bwabo bwa minsi yose. Mu nkambi ya Mahama mu makaritiye atandukanye, biramaze kwibonekeza ko abana benshi iyo umuduga urenganye; hakuwubisa, baca bawiruka inyuma kugira baweneneko. Ibi bigashoboa guteza impanuka aba bana.

KARERWA Emelyne, umuvyeyi w'abana 3 bakiri bato, ndetse akaba aba impande y'ibarabara ricako imiduga myinshi ati: "Twama dufise imitima ihagaze kubw'abana bacu kuko imiduga igendera ku muvuduko urenga uwo bemerewe kugenderako mu nkambi. Hakwiriye kwongerezwa kwubaka mw'ibarabara, udusozi dutuma imiduga canke ipikipiki zija ziragabanya umuvuduko (dos d'anes)." Kuriyo mvo, ubuyobozi bw'inkambi hamwe n'abafatanyabikorwa cane cane abafasha mu kurengera agateka k'abana, bari kumwe n'abayobozi b'impunzi bafashe ingingo mu ntumbero yo kugabanya amasanganya yoterwa n'urwo ruja n'uruza rw'imiduga n'amapikipiki.

Haraheze igihe kitari gito hafashwe ingingo ko hakoreshwa umuvuduko utarenze kilometero 20 kw'isaha. Ku bakoresha amakinga nabo bitegestwe ko umunyonzi ageze imbere y'inkambi ava kw'ikinga, akagenda asunika. Gusa naho izo ngingo zafashwe harakakenewe inguvu nyinshi, mu guhimiriza no kwigisha abavyeyi kugira nabo bashobore kwigisha abana babo, birinde kuza barakinira mu mabarabara nk'uko bivugwa na Eduard GAHUNGU wo muri comite y'impunzi, akaba ashinzwe uburezi n'umuco .

Yagize ati: "Naho ingingo nyinshi zafashwe haribonekeza ukurenza umuvuduko ku bagendesha imiduga, amapikipiki n'amakinga." Arabandanya avuga ati: "Hari hakwiriye gufatwa ingingo mperekeza zituma ingingo zafashwe ubwa mbere zubahirizwa, hakagwirizwa pancarte (ibimenyetso) zibutsa canke zigisha ikibujijwe kuri abo bagendesha ivyo vyuma vyo kwiyunguruza. Harakwiye kandi gutegekanya ibihano ku barenze kuri izo ngingo".

Mu nkambi ya Mahama kugira umutekano wo mu mabarabara ubandanye ushigikirwa cane, abahagarariye impunzi bifatanije n'impunzi muri rusangi bokomezwe urugamba rwo kwigisha abanyamakinga kugira birinde kugendera ku makinga bari mu nkambi. Hakabaho no guhimiriza abana kugira bareke gukinira mu mabarabara acamwo imiduga. Inkambi ya Mahama iteguye mu buryo bwa none ku bijanye n'imigenderanire ya vilaje (village) imwe n'iyindi. Ayo mabarabara akoresha n'abantu bari ku maguru, ku makinga, ku mapikipiki nkuko ashobora gukoreshwa n'abari mu miduga. Muri rusangi, ibiboneka n'uko mu nkambi hari uruja n'uruza rw'ibigendeshwa n'abantu bihari cane cane ku minsi y'akazi.

**Inkuru ya NTAKIRUTIMANA Fiacre, umusomyi wa Kigeme Iwacu wo mu nkambi ya Mahama**

## ABAKOresha AMABARABARA YO MU NKAMBI YA MAHAMA BARASABWA KWUBAHIRIZA AMABWIRIZA BAHawe

**I**nkambi ya Mahama ni inkambi nini, yagutse cane kuko ibamwo impunzi nyinshi z'abarundi. Iherereye mu murenge wa Mahama akagari ka Munini. Ni inkambi nini cane ikaba igabuyemwo mu bice bibiri binini bizwi nka Mahama ya mbere na Mahama ya kabiri. Ikaba igizwe muri rusangi n'amakaritiye 9 na Village 18.

Muri iryo kambi, hakorera amashirahamwe atandukanye, nayo akaba yifashisha imiduga mito na minini mu kurangura imirimo yayo. Amakinga n'amapikipiki nayo aguma anyuragirana ijoro n'umurango. Ivyo birerekana ko hari amabarabara menshi cane kandi akoresha cane, yaba ayari ku mpera y'inkambi tutibagiye aya nyuragirana mu ma vilaje (villages) yose kuko niho haca imiduga minini canke mito. Nk'akarorero ni amakamyi akura imyanda mu tuzu

twa sugumwe n'izindi modoka nyinshi zitandukanye.



Inkambi ya Mahama ibamwo impunzi z'abarundi ikaba ariyo nkambi nini mu Rwanda

Ku mvo zo gukingira ababa muri iryo nkambi, ministeri ijejwe y'ibiza n'impunzi (MIDIMAR) ifatikanije n'ishirahamwe mpuzamakungu ryita ku mpunzi (UNHCR) n'abaserukira impunzi, bafashe ingingo zikurikira:

- Kizira kikazirizwa kugendera kw'ikinga mu nkambi yose. Ni ugusunika
- Ata modoka nimwe ishobora kurenza umuvuduko wa kilometero mirongo ibiri mu isaha (20km/h)
- Atawushobora kugendera kw'ipikipiki arenza kilometero mirongwibiri mu isaha (20km/h) canke atambaye kasike ku mutwe,
- Harashizweho amadodani (dos d'anes) mu mabarabara anyuragirana muri iyo nkambi mu ntumbero yo kugabanya umuvuduko kugira bakingire ubuzima bw'abantu,
- Kugenda buhoro ahari amavuriro (ARC, Save the Children International), ahari amashuri y'abana na cane cane amasaha yabo yo gutonda no gutaha, aho bategera imfungurwa MAHAMA I na MAHAMA II, ahari amasoko, mu mahwane y'amabarabara, n'ahari iyubakwa zikorerwamwo ubuzi butandukanye hahurira abantu benshi baje gusaba serivisi.

### **Impunzi n'abakorera mu nkambi barasabwa iki?**

Kugira ngo hanozwe umutekano mu mabarabara yo mu nkambi ya Mahama abo biraba bose barasabwa n'ubuyobozi bw'inkambi ibi bikurikira:

1. Kwubaha no kwubahiriza ingingo ziba zafashwe mu ntumbero yo gukingira ubuzima bw'abantu,
2. Guhana ivyakarorero abarenze kuri izo ngingo,
3. Ku bashoferi bose, bagabanye umuvuduko uri hagati ya kilometero zitanu na cumi (5- 10km/h) mu bibanza bihuriramwo abantu benshi nk'ibitaro, amashure, amasoko, aho bategera imfungurwa, ...
4. Gushira kuri gahunda kwagura amabarabara kugira imiduga ibiri ishobore kubisana,
5. Gushira amadodani (d'os d'anes) henshi hashoboka mu nkambi na cane cane ku bibanza twadondaguye ku gace ka 3

**Inkuru ya KUBWIMANA Alexis, umusomyi wa Kigeme Iwacu wo mu nkambi ya Mahama**



# KWITA KU MUHANDA MUNINI UGANA KU NKAMBI YA MAHAMA USHAMIKIYE KU MUHANDA MUNINI WA KABURIMBO UJYA KU RUSUMO

**I**yo ujya ku nkambi y'impunzi ya Mahama iherereye mu ntara y'uburasirazuba akarere ka Kirehe umurenge wa Mahama, akagari ka Munini urenga mu muji wa Nyakarambi gato ukagera ahitwa mu Rusozi, aho niho ureka umuhanda wa kaburimbo maze ugafata uw'igitaka murenure werekeza ku nkambi ya Mahama.

Muri make uwo muhanda ukaba ureshya n'uburebure bwa kilometero 13 uva mu Rusozi ku muhanda mukuru wa Kigali- Rusumo kugera ku nkambi ya Mahama icumbiye impunzi z'abarundi kuva mu mwaka wa 2015. Mu bugari, ugereranyije uwo muhanda ukaba ungana na metero 7,5.

Muri uwo muhanda hanyuramwo imodoka zitwara ibiribwa zibijyanye mu nkambi ya Mahama, izitwara ibikoresho by'ubwubatsi, izitwara abagenzi, amapikipiki, amagare, n'imodoka z'ubutabazi ndetse unyurwaho n'abanyamaguru benshi cyane b'abanyarwanda ndetse n'impunzi ziba mu nkambi ya Mahama.

Gusa bitewe n'urunyurane rw'ibinyabiziga n'abanyamaguru rimwe na rimwe hashobora kuba impanuka za hato na hato ziterwa no kwangirika k'umuhanda igihe imvura yabaye nyinshi hagacika imikuku ndetse n'ubunyerere. Abaturage baturaye uwo muhanda nabo babona ko hari icyakorwa cyane cyane ngo uyu muhanda urusheho kwitabwaho bityo bibe byafasha mu gukumira impanuka za hato na hato zaba haba ku banyeshuri cyangwa abandi bakoresha uyu muhanda. Bimwe mu bitekerezo batanze nu nama rusange y'akagari bavuga kuri uyu muhanda bigaragaza ko abaturage bumva cyane umumaro n'uruhare rwabo mu kubungabunga umuhanda biciye mu gukora umuganda rusange ndetse n'abafite amasambu akora kuri uwo muhanda bagasibura imiferege, basiba ibinogo byaciye n'isuri.



**NZABAMWITA Yowasi umuturage wo mu murenge wa Mahama (photo Antony M)**

Mu magambo ye NZABIRINDA Aimable we yagize ati : "Nibyo koko, ariko hanakewe n'impuguke zo kugishwa inama uburyo umuhanda wakorwa neza"

Uwo muhanda kandi iyo uwugezemo hagati ubona undi muhanda ushamikiyeho werekeza ku biro by'umurenge wa Mahama ni nawo rimwe na rimwe ibinyabiziga binyuramwo iyo umuhanda wa Rusozi Munini wangiye cyane. Ni nawo kandi abana be-nshi cyane bo mu nkambi n'abanyarwanda banyuramo bava cyangwa bajya ku ishuri buri munsu.

NZABIRINDA aimable na NZABAMWITA Yowasi twaganiriye ba- huriza ko kugira ngo uyu muhanda witabwaho bityo impanuka zikumirwe burundu habaho ko buri muturage abigira ibye maze akumva ko kwita ku muhanda ari inshingano ze gusa NZABIRINDA we akongeraho ko hagakwiye kubaho n'impuguke zifasha abaturage mugutunganya imihanda. NZABAMWITA Yowasi yagize ati : "Abaturage bagomba kubungabunga umuhanda kuko ubafiteye akamaro kanini".



**NZABIRINDA Aimable umuturage wo mu murenge wa Mahama (photo Antony M)**

**Inkuru ya MINANI Anthony umusomyi wa Kigeme Iwacu utuye hanze y'inkambi ya Mahama**



